Lettre du Comite International pour les Victimes de la haine ethnique, massacres et génocide au président de la République et au gouvernement

Cette lettre écrite en Kinyarwanda est un appel à tout le monde, pour que la culture de l'impunité cesse. Le document prône la tolérance, l'égalité et la cohabitation pacifique entre les ethnies. Il annonce le comportement que devrait adopter tout politicien et tout parti politique, afin de rendre égaux tous les citoyens. L'Association qui publie ce document se décrit comme une coalition d'autres associations visant une justice pour tous.

IBARUWA YA ASSOCIATION Y'ABABUZE ABABO MURI 1994 NA NYUMA YAHO YANDIKIYE PEREZIDA WA REPUBLIKA Y'U RWANDA NA GOUVERNEMENT

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda?

Impamvu : Gusaba ko hashyirwaho commission irwanya ubuhezanguni (extremisme), urwangano, na Génocide, kandi abantu b'amoko yose babuze ababo muri 1994 na nyuma y'aho ibyabo bigakurikiranwa bakarenganurwa, abitwara nk'aho bagamije kugarura genocide nabo bagakumirwa ibi bigakorwa ku moko yose.

Twebwe Association ihagarariye izindi association zihuriwemo n'abahuye n'amarorerwa yaranze u Rwanda muri iyi myaka ishize, kubera ibibazo bimaze iminsi bibaho, tubandikiye tubasaba Nyakubahwa ko mwashyiraho Akanama gashinzwe kurwanya ubuhezanguni (extremisme), urwangano na genocide mu banyarwanda kandi kagakurikirana n'iby'abantu babuze ababo nta kurobanura ubwoko.

-Turasaba kandi ko mwashyiraho akanama gakurikirana uburyo hari abahezanguni bagitsimbaraye ku buhutu hakiyongeraho n'abatsimbaraye ku bututsi nabo bafite gahunda mbi bagaragaraho imyitwarire ivugwaho kuba baba mu nzira igamije kugarura genocide.

Ntabwo turwanya ubuhutu n'ubututsi kuko buri wese afite uburenganzira bwo kwitwa icyo ashaka icyo turwanya ni ukubikandagiza abandi bataricyo cyangwa ukajya muri gahunda zigamije kugirira nabi abandi.

Kurwanya aba extremiste ntibigomba kwitiranwa no kunyuranya ibitekerezo muri politiki ahubwo kuba mu mashyaka anyuranye imyumvire no kudahuza imirongo ya politiki nibyo birwanya ubu extremiste.

Turasaba ko hakwitabwaho no kwigisha kuko ubaye extremiste arimbura abantu n'ibintu yageza aho byanze bikunze nawe akirimbura ubwe akarimbura n'abo yita abe. Dusabye buri kintu cyose kigira uruhare mu kuzimiza abantu ko ibyo bintu byakwitabwaho. Dusabye amashyaka FPR n'ayandi bifatanije guhaguruka bagahana abahezanguni bayagaragaramo akenshi bakaba ari nabo bagaragara mubakora ibyaha n'abatuma habaho kuniga demokarasi itangazamakuru n'ibindi bizamo gufata ibyemezo bisumbanya abanyarwanda hagamije guhisha amakosa yabo bakoze batatumwe n'ubutegetsi.

Tuzirikaneko abo ba extremiste ari nabo babonekamo ibyemezo bifatwa bisa n'ibihima leta kuburyo umutegetsi mukuru atabikurikiranye ashobora kugira isura mbi we azi ko akoresha uko ashoboye kose ngo ibintu bibe byiza.

-Tubandikiye tubasaba ko kurwanya aba extremiste mwabishyira ku mwanya wa mbere kuko iyo ibyo byirengagijwe hagumaho demokarasi ku izina gusa mu bikorwa bikaba ibindi, hagumaho ubwoba mu baturage.

Iyo ubuhezanguni bwirengagijwe ibintu bigenda nabi, nta kintu gishoboka uretse kubaka agatsiko gahora kikanda kugeza aho gasandara.

-Ushobora kugira imigambi myiza ntugire icyo ugeraho kuko ufite aba extremistes bagukoma mu nkokora.

-Dusabye ibihugu by'inshuti z'u Rwanda hamwe n'ibindi nk'Ubwongereza, USA, n'ibigize "Union Européenne" n'ibindi bifasha u Rwanda hamwe n'abandi bahafite amaradiyo na za Ambassade cyangwa izindi services kutareba inyungu z'igihe gito bakita kugufasha u Rwanda kurushaho mu rwego rwo kurwanya ubuhezanguni kuko ibizongera bikaba bizabarwa no ku bihugu byabo bahagarariye kandi bakwiriye gutera inkunga bagafasha leta mu kureshyeshya abanyarwanda bose ndetse n'ibyo bitangazamakuru byabo nabyo bikabigiramo uruhare runini bikagaragaza ko nta muntu n'umwe uhezwa. Ni muri urwo rwego imbaraga zabo zitagomba kwirengagiza gutera inkunga buri wese wo muri Afrika y'ibiyaga bigari ugamije kubaka igihugu mu nzego mu nzego zose.

Dusabye ko ibyo bihugu byose byakubaha abapfu bose (ni ukuvuga Abanyarwanda n'abandi bose nta kurobanura ubwoko) bishwe mbere ya 1994, muri 1994 na nyuma ya 1994, kandi bigaharanira ko iyo migiririre icika burundu.

Twongeye kubasaba kuzirikana no gufasha cyane abazize genocide yakorewe Abatutsi muri 1994 bakanafasha ko bitazasubira.

-Dusabye kandi u Rwanda kutazaba akarima k'urwigiro (expérimentation) z'ibyo buri wese aziko bidakwiriye ikiremwamuntu cyo muri iki kinyejana mu nzego zose z'ubuzima n'ubutegetsi by'Abanyarwanda.

-Turabasaba kandi ko abatera ubwoba bwa za mandat z'abategetsi zizakurikira babihagarika hamwe n'abazitira système bakagabanya kuko bibaye bityo byatuma gahunda nyinshi zihazaharira.

Ntabwo igihugu kigomba guhera mu bwoba bwa campagne (iyamamaza) izaba mu myaka icumi hagomba ubwisanzure 100% iby'amatora bikazagira igihe cyabyo ariko ibi ntibigomba kubangamira imikorere y'amashyaka ariho n'andi yasabye kubaho hamwe n'izindi nzego ziharanira politiki muri gahunda yazo ya buri munsi.

-Muri urwo rwego dusabye itangazamakuru nyarwanda gukomeza gufungura amarembo kandi abagaragayeho ubahezanguni (extremistes) no gukumira ibitekerezo by'abandi banyarwanda bigakemurwa. by'umwihariko turasaba ubwisanzure busesuye mu itangazamakuru rya leta n'iry'igenga kandi rikarushaho

kwemera impaka za buri Munyarwanda niyo yaba adashyigikiye umurongo wa politiki w'igitangazamakuru runaka kandi abahanga n'abashakashatsi bafite imigambi myiza bakarushaho guhabwa uruhare no gutangaza ibitekerezo byabo.

Abanyabwenge b'umutima mwiza barakenewe ngo bamurikire igihugu bisanzuye kuko ni igihe cyabo. Kuri iyi ngingo buri munyabwenge wese ntiyagombye kurindira ko baza kumushaka, bakwiriye kwibwiriza bakegera itangazamakuru n'ushatse kubangira bakamwamagana.

Ikosa ntibagomba kuryegeka ku itangazamakuru kuko bigaragara ko rigenda rigerageza uko ibihe bigenda bihinduka.

-Dusabye ibihugu bishyigikira leta zo mu biyaga bigari kongera gusuzuma cooperation zabo bakareka gushyigikira groupe na leta bisenya ubuzima bw'abaturage kuko ibyo bashyigikiye hamwe bisenya n'ahandi.

Ibyo bimaze igihe bigaragara mu Burundi no muri Congo. Bakwiriye guhagurukira gushishikariza uwo babona muri izo nzira kuyoboka inzira yubaha ubuzima n'ubwisanzure bw'abaturage.

-Dusabye ko harebwa uburyo hajya hashyirwaho abategetsi batari "Baringa" cyangwa batinya gufata ibyemezo ngo kuko nta jambo bagira nk'uko abamaze iminsi basezera babitangaza. Tukaba dusaba n'abakora gutyo kwegura kuko biri mu byicisha abanyarwanda. Mwe mukora gutyo nta gaciro muzigera mugira mu mateka y'u Rwanda.

-Dusabye abaregwaho ibyaha by'intambara kuruhande rw'u Rwanda kwemera guhanwa kandi Abanyarwanda bakabumva kuko mu butabera nicyo kubaka igihugu bisaba. Ku ruhande rutureba abakurikiranwa basanzwe bazwiho ubutwari bundi busanzwe ibyo ntibizabubahanaguraho ariko bagomba guhanwa.

Kubireba ihana ry'ibyaha, abagomba kugawa si abakoze ibyaha bonyine ahubwo ni abari mu batekererezaga amashyaka kuri politiki y'igihe kirekire igomba kugenderwaho abaramiye igihugu cyayogojwe n'abicanyi muri 1994 nta nyungu n'imwe yari ikenewe mu kwica Abahutu n'abandi Banyarwanda, kuko ubutegetsi bwari ubwabo ntakibirukansa.

Twongeye gusaba abakurikiranwaho amarorerwa ko batagomba kurakarira abiciwe ahubwo abagomba kurakarirwa n'abashinzwe gutekerereza ishyaka ngo batange inama zikwiye kuko buri wese yagombye kureba kure ntatume ibibi nk'ibyo bikorwa. Iyo wemeye abawe bakiyanduza ntabwo uba ubakunda.

Twongere tuzirikane ko ibi byaha byakozwe bireba isi yose ku buryo iyo wanze kubihana abandi barabihana kandi hari n'igihe batangira kubihana utakiriho noneho bikarushaho kuba umwanda.

Ni ukuvuga ko bidashobora guhishwa igihe cyose ndetse iyo bitinze byivangamo ibindi bigahindura isura n'uburemere. Kubihisha, kutabihana no kubuza kubivuga ni ubushishozi buke cyane. Abatanga inama zimeze gutyo n'abizeza ibidafashije

bakwiriye kureka ibinyoma ahubwo bagafasha gukemura iby'ubwo bwicanyi kuko ari uburyo bwo kuruhura abanyarwanda.

Iyo iki kibazo kivuzwe dusabye bamwe bajya bayoboka inzira yo gutoteza abiciwe bari mu gihugu cyangwa hanze kubihagarika.

-Dusabye ko mu rwego rwo kunganira ubugenzacyaha n'ubucamanza leta yakwemera gushyiraho système yemera ubugenzacyaha bwigenga kandi bugahabwa ubwisanzure kugirango bwunganire ubwa leta.

-Gushyiraho "principe 0 mort, zero impunité" buri wese wishwe ibye bigasobanuka kandi ababigizemo uruhare bagahanwa.

-Turifuza ko democratie isesuye yahera mu mashyaka ya politiki, umuntu utanzweho umutegetsi akaba yatowe kumugaragaro mu ibanga habayeho gupigana kandi nta buryo buziguye bwakoreshejwe n'abifuza ko ari runaka utorwa.

-Dusabye leta kwitondera ikibazo cy'amoko ntikigirwe indakorwa. Ahubwo kigomba kuganirwaho kandi ntihagire ubwoko runaka buhatirwa ba runaka mu buryo buziguye n'ubutaziguye ataribo babyihitiyemo. Buri wese akwiriye guhabwa ubwisanzure no kunganya n'abandi amahirwe ku byiza by'igihugu.

-Dusabye Perezida wa Republika, nk'urwego rw'igihugu, gukomeza kuba hejuru ya byose kandi akarenganura bose akumva na bose. Ibi bigomba no gukomeza kugaragarira mubahuye n'amarorerwa y'ubwicanyi mu rwego rwo kubumva bitabwaho.

-Mu migirire yo gutanga ibitekerezo turasaba kubaha "droits intellectuels" kuburyo kubohoza no kwigana ugamije kwangiza bicika buri wese akubahirwa ibitekerezo bye yatanze mu kubaka igihugu hamwe n'ibikorwa bye igihe bitarenganya abandi.

-Turifuza ko buri wese (nta kurobanura) wayoboye igihugu ahabwa icyubahiro nko mu bindi bihugu kuko hari ikimwaro mu mateka ku rungano rwatubanjirije kubona u Rwanda rushajisha nabi cyane abaruyoboye bose (abasaza bishwe cyangwa bagaragurika bandavura).

-Gushyiraho système irwanya ubuyobozi burema "one Man Show"(umuntu kamara) kuko igihe azimiye azimirana n'igihugu ibintu byose bigahinduka nabi.

-Gutekereza ubuyobozi bushyiraho ibikorwa n'ibindi biranga igihugu bitazakenera guhindurwa uko bibonetse n'ugiye asimbura undi kubera ko uwabikoze yirebye kugiti cye.

-Dusabye mwe za groupe n'abantu ku giti cyanyu mukora mu ishyaka runaka kwemera mugakorera ishyaka rimwe nta mpu nyinshi mwambara kuko bituma hamwe hari ibyo mwangiza mu izina ry'abatagaragara. Dusabye bamwe babiheraho bakiyoberanya bagasenya ibikorwa by'abandi cyangwa bakajya guca intege uwo badahuje ibitekerezo byitwa ko bakorera umurongo basanzwe bazwimo kandi ataribyo.

-Dusabye kureka imigirire ya kera y'uko amateka y'u Rwanda yagiye aba ay'abafite ubutegetsi bonyine ayabantu basanzwe bakayakubura bikaba ari nayo mpamvu amateka y'u Rwanda usanga yuzuye inkuru mbi ziba zaragiye ziranga ubutegetsi bakirengagiza amateka ya rubanda rwa giseseka kandi ari meza.

-Dusabye abatsimbaraye ku buhutu n'ubututsi bwabo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye ko ari uburenganzira bwabo ariko ko bagomba kuzirikanako hari abandi banyarwanda batibonamo kandi bikaba ari uburenganzira bwabo kubaho banganya amahirwe n'abandi kandi badahezwa ku byizwa by'igihugu ku buryo byakabaye byiza bose bubahanye nk'abanyarwanda n'ushimishijwe no kwigumanira Ubunyarwanda bwonyine nawe akagira umwanya mu bandi.

-Dusabye leta y'u Rwanda gukomeza gahunda y'uko buri Munyarwanda aho ari hose yahoza umutima hafi y'igihugu cye igihe abishaka kandi abari mu Rwanda n'abari ahandi bakanganya agaciro kubyiza by'igihugu kandi urwangano mu bakora politiki rukavaho kuko Abanyarwanda bagomba gusabana mu bwisanzure ibyo baba bakora byose.

-Kubireba ubucamanza ibya Gacaca bikwiriye kwigwa neza kuko twumva ari ikimwaro guha umuturage uburenganzira bwo guhana itsembabwoko rireba isi yose igihe uwo muturage atabyigiye kandi ashonje na leta ikaba ibyemera ko ashonje ndetse hakiyongeraho n'izindi ngorane nyinshi zimurenze ku giti cye no hagati ye n'imibanire ye n'abandi.

Bigaragara ko bidahwitse mu mateka kuba umuturage yarahawe ubutegetsi n'ingoma y'abicanyi ubwo bubasha bwo gufata gufunga no kwica akabumarisha abantu noneho leta iyikurikiye ije gukosora nayo ikongera igafata wa muturage ufite ibibazo by'insobe utazi gusoma, ukamuhereza na none bwa bubasha bwo guhana, gufunga, gufungura no guca imanza ku bibazo bye bwite no ku bya bene wabo na bagenzi be.

Uburyo icyaha cyakozwemo ni nabwo bukoreshwa mu kugihana. Hakurikijwe n'uburyo bushya bwa lobbyng, igitsure n'ibindi bikoreshwa bikagamburuza n'abacamanza babyigiye ntabwo umuturage ashobora kubyikuramo n'ingorane yikoreye.

Ibya Gacaca bikwiriye kwigwa abicanyi bagahanwa ariko ntibisige n'ikimwaro cy'amateka bigaragaza ko koko Abanyarwanda bakigendera ku buryo butari kure y'abasekuruza abantu bataragira amajyambere n'ubumenyi isi igezeho.

-Kuri ubu abantu bamwe bari ku ruhande rundi muri genocide yabaye mu 1994, bararegwa ubwicanyi bwabaye muri 1994 na nyuma y'aho ndetse n'ibihugu by'inshuti y'u Rwanda n'ibindi buri cyose nta gihakanako abantu bishwe kandi buri cyose gifite aho gihagaze ku bireba ubucamanza. Byaba rero bibabaje icyo kibazo cyongeye kikabikwa mu bibazo bitigeze bibonerwa umuti.

N'uwaba abyifuza atyo byaba ari imibare mibi cyane kuko uko ikibazo gishobora gukemurwa uyu munsi aribyo byoroshye kurusha uko cyazinzikwa kikazahurudukana inkubiri runaka ibihe bitakiri ibi tubona. Igikwiriye kuzirikanwa n'abafite ababo bakoze ayo marorerwa ni uko abo bavugwa badakwiriye gutereranwa cyangwa ngo bamburwe ubumuntu n'agaciro bigeze kugirira igihugu bataragwa muri ayo

marorerwa, ariko na none nabo bagomba kuba intwari bagahanwa kugirango bibe urugero rwiza n'ubushake kuko niko bigenda muri politiki no mu bucamanza iyo ugamije kubaka igihugu udahimana kandi ureba kure.

Iyo ingoma yemeye kwicara hejuru y'amarorerwa byanze bikunze isoza igihe cyayo nabi. Ibi rero ntawabyifuriza leta y'u Rwanda kuko ni iya twese kandi byoroshye gukemura icyo kibazo.

-Kubireba association, twongeye kwizeza Abanyarwanda ko tuzaguma mu murongo wo kureshyeshya Abanyarwanda bose bakagira amahirwe amwe kandi ntituzigera turwanya leta tuzakomeza gufasha uko dushoboye kose mu kubaka u Rwanda rubereye bose no gufasha mu gukemura ibibazo bibangamiye igihugu. Ni byiza kubaka igihugu abacyo bose bakareshya mu mahirwe kandi bose bagafatwa kimwe. "Comite International pour les Victimes de la haine ethnique, massacres et genocide" yemera genocide yakorewe Abatutsi mu 1994 hamwe n'Abahutu bayiguyemo kandi ikarwanya n'abayikoze.

NB: Tuributsa ko iyi association ikorana na za associations zigenga zivugira buri wese wabuze uwe ziri hirya no hino hatarobanuwe ubwoko n'igihe icyaha cyakorewemo n'abakoze icyo cyaha. Akababaro kose kagomba kwitabwaho. Abayihagarariye ni ingeri zose, harimo abarokotse interahamwe, abiciwe ababo nyuma ya 1994 na mbere y'aho.

Association yongeye kwifatanya n'abandi Banyarwanda bagiye bicirwa abantu ku mpande zombi. Iyi association ibereyeho no kurwanya urwangano no gufasha abantu bahura narwo bazira iby'amoko n'ibindi. Association irwanya ubuhezanguni "extremistes" ikigisha n'ibana ryiza rishingiye kukubahana no kunganya amahirwe mu Rwanda no muri Africa y'ibiyaga bigari.

RUTAYISIRE Boniface, Perezida w'association y'abanyeshuri bo muri Université zo mu Bubirigi akaba na Directeur General (Administrateur) du «Comité International pour les Victimes de la Haine Ethnique, massacres et génocide»
Rue Charles Martel 32, à 1000 Bruxelles Belgique.
Tél : 00(32) 472267071
Bitangajwe na service ya Information ya CIVHE

NB : Nk'uko byasabwe n'abanyamuryango ba za association zateguye iyi nyandiko, byemejwe ko iyi nyandiko itangazwa n'undi wese ubishatse, gukora photocopie no guhindura mu zindi ndimi biremewe.